- Ibijyanye n'ibyangombwa bibazwa abatuye mu rugo bafite nibura imyaka 18 y'amavuko,
- Ibijyanye n'amashuri bibazwa abatuye mu rugo bose,
- Ibijyanye no kumenya gusoma no kwandika bibazwa abatuye mu rugo bafite nibura imyaka 10 y'amavuko,
- Ibirebana n'indimi, gukoresha interineti no kugira telefone,
- Ibijyanye n'imirimo bibazwa abatuye mu rugo nibura bafite imyaka 16 y'amavuko.

### 3. Ubuzima

- Impfu zabaye mu rugo mu mezi 12 abanziriza ijoro ry'ibarura,
- Ibijyanye n'imbyaro bibazwa abantu b'igitsina gore batuye mu rugo bafite nibura imyaka 10 y'amavuko.

### 4. Imiturire, ubuhinzi n'ubworozi

Ibyubatse inkuta, ibishashe hasi, ibisakaye inzu, umubare w'ibyumba, ibikoresho biramba urugo rutunze, isuku n'isukura, n'ibirebana n'ubuhinzi n'ubworozi.

## 9 Mbere y'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire hakorwa iki?

Mbere y'Ibarura rusange ry'Abaturage n'Imiturire habanza gushyirwa numero kuri buri nzu n'urugo.

## 10 Numero zishyirwa ku ngo mu gihe cy'ibarura zizamara iki?

Numero zishyirwa kuri buri nzu na buri rugo mu gihe cy'ibarura:

- Zizafasha umukarani w'ibarura kumenya umubare w'ingo agomba kubarura,
- Zizamufasha kutagira urugo asimbuka cyangwa ngo abe yarubarura inshuro nyinshi,
- Zizamufasha kandi kumenya buri munsi ingo amaze kubarura n'izo asigaje.

**Icyitonderwa:**

Ni ngombwa ko izi numero zigumaho mu gihe cyose cy'ibarura.

## 11 Andi Mabarura Rusange y'Abaturage n'Imiturire yabaye mu Rwanda ni ayahe? Yagaragaje iki?

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire mu Rwanda rikorwa rimwe mu myaka 10.

**Ubucucike**
(abatuye kuri kilometero kare)

| Ku nshuro ya | Igihe | Abaturage | Ubucucike |
|---|---|---|---|
| 1 | Kanama 1978 | Abaturage bose: 4,831,527<br>Abatuye mu mijyi: 222,727 (4.6%)<br>Abatuye mu byaro: 4,608,800 (95.4%) | 183 |
| 2 | Kanama 1991 | Abaturage bose: 7,157,551<br>Abatuye mu mijyi: 391,194 (5.5%)<br>Abatuye mu byaro: 6,766,357 (94.5%) | 271 |
| 3 | Kanama 2002 | Abaturage bose: 8,128,553<br>Abatuye mu mijyi: 1,372,604 (16.9%)<br>Abatuye mu byaro: 6,755,949 (83.1%) | 308 |
| 4 | Kanama 2012 | Abaturage bose: 10,515,973<br>Abatuye mu mijyi: 1,737,684 (16.5%)<br>Abatuye mu byaro: 8,778,289 (83.5%) | 415 |

Raporo zigaragaza ibyavuye mu mabarura y'abaturage n'imiturire yabanje ziboneka kuri aderesi ikurikira:
**https://www.statistics.gov.rw/datasource/population-and-housing-census**

Repubulika y'U Rwanda · NISR National Institute of Statistics of Rwanda · THE WORLD BANK · United Nations Rwanda · UNFPA · unicef for every child · UN WOMEN · Enabel · USAID From the American People · UKaid from the British people

# IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE 2022

*Ibaruze kuko uri uw'agaciro*

*16-30 Kanama 2022*

IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE
16-30 KANAMA 2022

**IBARUZE KUKO URI UW'AGACIRO**

**#RPHC2022**

4321/(+250) 788 383 103
www.statistics.gov.rw
census@statistics.gov.rw

statisticsRW

## 1 Iriburiro

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, Leta y'u Rwanda yagiye itegura gahunda zifasha kugera kuri iyo ntego. Muri zo twavuga Icyerekezo 2020 (Vision 2020), gahunda ya EDPRS1 na EDPRS2 yarangiye mu mwaka wa 2018. Ubu u Rwanda rugeze muri gahunda y'icyerekezo 2050, gahunda ya NST1 y'imyaka irindwi (7) yatangiye muri 2017 ikazageza muri 2024, na gahunda y'iterambere rirambye (SDGs). Izi gahunda zose zigera ku ntego zazo hashingiwe ku bufatanye bw'Inzego zinyuranye: iza Leta, iz'abikorera, imiryango itari iya Leta, sosiyete sivile, amadini n'amatorero, itangazamakuru, abashakashatsi, na za kaminuza, ndetse n'abaturage bose muri rusange.

Kugira ngo hafatwe ingamba zihamye muri izi gahunda, ni ngombwa ko hamenyekana imibare nyakuri y'abatuye u Rwanda, imibereho n'imiturire yabo. Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni ryo ryonyine rishobora gutanga imibare nyakuri yerekana umubare w'abaturage, ubucucike n'ubwiyongere bwabo, ndetse n'imibereho n'ubukungu bwabo muri rusange.

## 2 Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni iki?

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni igikorwa kigamije gukusanya amakuru atanga imibare nyakuri yerekana ubwiyongere bw'abaturage, n'imibereho n'ubukungu bwabo muri rusange.

## 3 Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022 rizakorwa ryari?

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022 rizaba rifite ibyiciro bitatu (3) bikurikira:

- **10-14 Kanama, 2022:** Gushyira numero ku mazu no ku ngo.
- **16-30 Kanama, 2022:** Gukusanya amakuru.
- **16-30 Nzeri, 2022:** Gusuzuma ko amakuru yakusanyijwe neza.

## 4 Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022 rigamije iki?

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022 rigamije:

- Kumenya umubare w'abaturarwanda ku rwego rw'igihugu muri rusange no kumenya uko batuye mu Ntara, Akarere, Umurenge, Akagali, n' Umudugudu,
- Kugaragaza ku buryo busesenguye imibereho y'abaturage n'ubukungu,
- Kugaragaza imibare y'ibyiciro byihariye by'abaturage: abagore, abana, urubyiruko, abageze mu zabukuru, abafite ubumuga...,
- Kugaragaza igipimo cy'uburumbuke, impfu, n'icy'ubwiyongere bw'abaturage muri rusange,
- Kugaragaza igipimo cy'uko abanyarwanda bimuka bava hamwe bajya ahandi,
- Kwerekana imibare n'ibyiciro b'abantu bazaba batuye mu Rwanda mu myaka iri imbere,
- Kwerekana imiterere y'inzu zituwe n'ibikoresho zifite,
- Kuvugurura imibare fatizo izashingirwaho mu bundi bushakashatsi,
- Kuvugurura imbibi z'inzego z'imitegekere y'igihugu uhereye ku mudugudu,
- Kuvugurura urutonde n'amakarita y'udupande tw'ibarura tuzajya twifashishwa mu bundi bushakashatsi buzakurikira.

## 5 Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022 rireba nde?

Rireba abaturarwanda bose, baba abanyarwanda cyangwa abanyamahanga, n'abashyitsi bazaba baraye mu ngo mu ijoro ry'Ibarura (ijoro ry'itariki ya 15 rishyira itariki ya 16 Kanama, 2022).

## 6 Ijoro ry'ibarura ni iki? Rizaba ryari?

- Ijoro ry'ibarura, ni ijoro ribanziriza umunsi wa mbere w'ibarura rusange.
- Ijoro ry'ibarura rizaba mu **ijoro ry'itariki ya 15 rishyira itariki ya 16 Kanama, 2022**
- Ibisubizo byose bizatangwa bizaba bishingiye kuri iri joro ry'ibarura.

***Iyaba byashobokaga abantu bose mu gihugu bakabaruwe muri iri joro ry'ibarura. Ariko kuko bidashoboka, amakuru yose azatangwa mu minsi yose Ibarura Rusange rizamara azaba ashingiye ku ishusho y'ibyari mu rugo muri iryo joro.***

## 7 Buri muturarwanda arasabwa iki mu Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022?

Mu gihe cy'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022; buri muturarwanda arasabwa ibi bikurikira:

- Kwakira neza abakarani b'ibarura,
- Kuboneka ku munsi azaba yahawe n'umukarani w'ibarura,
- Gutanga ibisubizo by'ukuri ku bibazo byose azabazwa n'umukarani w'ibarura mu gihe cy'ikusanyamakuru.

## 8 Ni ibiki bizabazwa mu Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya 2022?

Ibibazwa mu ngo zose mu gihe cy'Ibarura Rusange bikubiye mu bice 4 by'ingenzi bikurikira:

***1. Aho urugo ruherereye***

Intara, akarere, umurenge, akagari, n'umudugudu.

***2. Imiterere ya buri muntu mu bagize urugo***

Ibibazwa kuri buri muntu wese mu bagize urugo n'abashyitsi baraye mu rugo mu ijoro ry'ibarura ni:

- Ibijyanye n'irangamimerere bibazwa umuntu wese usanzwe atuye mu rugo nibura ufite imyaka 12 y'amavuko,
- Ibijyanye n'ubumuga bibazwa umuntu wese usanzwe atuye mu rugo nibura ufite imyaka 5 y'amavuko,
- Ibijyanye no kubaho kw'ababyeyi bibazwa abatuye mu rugo bafite munsi y'imyaka 18 y'amavuko,



Ibaruze kuko uri uw'agaciro

Ibaruze kuko uri uw'agaciro